

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUREZI

IKIGO CY’IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUREZI MU RWANDA (REB)

B.P : 3817 KIGALI

www.reb.rw

INTEGANYANYIGISHO Y’IYOBOKAMANA Y’ICYICIRO CYA MBERE CY’AMASHURI ABANZA

Kigali, Mutarama 2014

Iyi nteganyanyigisho cyanditswe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB), Ishami rishinzwe Integeganyanyigisho n'Imfashanyigisho (CPMD).

© Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda
Nta muntu n'umwe wemerewe kwandika, gutubura iyi nteganyanyigisho cyangwa bimwe mu bice byayo nta ruhushya rutanzwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

ISOBANURAMPAMVU

Isomo ry'Iyobokamana ni ingenzi mu guha abanyeshuri indangagaciro zihamye. Abanyarwanda baca umugani ngo “*Uburere buruta ubuvuke*”, kandi ngo “*Umwana warezwe neza ahesha ababyeyi n'igihugucye ishema*”. Kurera neza ni inshingano za buri wese, ni n'urufunguzo kandi rukungurira abana ejo hazaza heza.

Isomo ry'iyobokamana ni ingirakamaro mu kubaka umunyarwanda muzima urangwa n'indangagaciro z'ubupfura, ubudahemuka, ubutabera n'amahoro. Ni yo mpamvu havuguruwe integanyanyigisho y'isomo ry'iyobokamana mu cyiciro cy'amashuri abaza mu rwego rwo kuyihuza n'igihe tugezemo ndetse no gushimangira indangagaciro mu bana b'u Rwanda.

Iyi nteganyanyigisho y'Iyobokamana y'icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ivuguruye, izasimbura iyari isanzwe ikoreshwa yasohowe mu mwaka w'i 1997. Byabaye ngombwa ko ivugururwa kuko iyari isanzwe itateganyaga ibikorwa mbonezamyigishirize kandi ikaba itari ikijyanye n'igihe tugezemo. Iyi ivuguruye kandi izafasha umwarimu guha umunyeshuri n'ibikorwa bye agaciro mu myigire n'imyigishirize.

Turasaba abarebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho kuyikoresha neza mu bikorwa by'inyigire n'inyigishirize. Bagomba kandi gukurikiranya ingingo uko zikurikiranye. Ibi bizafasha umunyeshuri kubakira ubumenyi ku byo yize ndetse no kwiga neza.

Indangagaciro zigishwa muri iyi nteganyanyigisho zigomba kujyana n'iz'umuco nyarwanda kugira ngo abanyeshuri babone uburezi bufite ireme kandi bubahe umuco.

Turasaba abafanyabikorwa bose mu burezi, kurera abana babatoza ubumuntu, indangagaciro ndetse kubaha uburezi bufite ireme.

Dr John RUTAYISIRE

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Urutonde rw'abakoze iyi nteganyanyigisho

Dore abagize uruhare mu ikorwa ry'iyi nteganyanyigisho :

Umuhuzabikorwa :

Dr Joyce MUSABE, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

Umugenzuzi : Gatera Augustin (Director of unit of languages and humanities)

Abashinzwe integanyanyigisho

- NTIBIZERWA Janvier (Moral, religion and Civic education specialist)
- BACUMUWENDA Néhamie (Pedagogical Norms specialist)
- MUKAYIREJE Julienne (Social Studies Specialist)

Abarezi

- HATANGIMANA Jean Baptiste (Goupre scolaire Shyogo)
- MUKANKUSI Prudencienne (ADEPR)
- NIKUZE Homberga (Groupe scolaire Rugando)
- Sr. MUKAGATARE Donatilla (SNEC)
- Rev. BISANGE P. Claver (Conseil protestant du Rwanda)

- NDIMUBANZI Wellars Rajjab (AMUR)
- UWAKUBARIHO Pius (GroupeScolaire Nyagatare)
- MANIRAFASHA Francois Xavier (Groupe scolaire Rugando)
- UMUHOZA Myriam (Seventh Day Adventist)
- MURALI Julius (AEE Rwanda)

Impuguke: UWAMAHORU Bonaventure (Education specialist)

Itsinda rishinzwe kwemeza integanyanyigisho n'imfashanyigisho (TAC)

1. Dr. Joyce MUSABE, Dr Joyce MUSABE: Member and Chairperson
2. NSHIMIYIMANA Alexis, Member and Secretary
3. Mgr RUTAGANDA Alfonse, Member
4. Mrs. NYIRARUKUNDO Delphine, Non permanent Member
5. Pastor MAKUZA Eliel, Non permanent Member
6. Sheikh MUGISHA Yusuf, Non permanent Member
7. RWAMBONERA Francois, Member
8. Mr. GASANA Janvier , Permanent Member
9. NTIBIZERWA Janvier, Non permanent Member

Gutunganya agatabo : NTAMBARA Jean, REB

IBIRIMO

ISOBANURAMPAMVU	iii
GUSHIMIRA	iv
IBIRIMO	vii
INTANGIRIRO	1
1. IMBONEZANYIGISHO RUSANGE	3
3. IMBONEZAMASOMO	5
4. UKO ISUZUMA BUMENYI RIZAKORWA	6
5. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYAGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA ..	7
6. IBIRI MU NTEGANYANYIGISHO	9
6. 1 IYOBOKAMANA RYA GIKIRISITU:	9
UMWAKA MBERE	9
INGINGO YA MBERE: IREMWA	9
INGINGO YA KABIRI: GUCUMURA K'UMUNTU	11
INGINGO YA KANE: UMUGAMBI W'IMANA WO GUTABARA NO GUKIZA ABANTU ...	13
INGINGO YA GATANU: YEZU KRISTO UMUCUNGUZI W'ABANTU	14
UMWAKA WA KABIRI	15
INGINGO YA MBERE: GUCUMURA KWA ADAMU NA EVA N'INGARUKA ZABYO	16
INGINGO YA KABIRI: KWEMERA/ KWIZERA KWA ABURAHAMU	17
INGINGO YA GATATU: IMANA ITABARA ABAYISIRAHILI MU MISIRI	18

INGINGO YA KANE: URUKUNDO RW'IMANA	19
INGINGO YA GATANU: URUGERO RW'ABAYISIRAHILI MU BUTAYU	20
UMWAKA WA GATATU	22
INGINGO YA MBERE: MUNTU YAREMWE MU ISHUSHO RY'IMANA	23
INGINGO YA 2: ICYAHA N'INGARUKA ZACYO	24
INGINGO YA GATATU: ABACAMANZA, ABAMI N'ABAHANUZI	25
INGINGO YA KANE: AKABABARO N'IBYISHIMO	26
INGINGO YA GATANU: YEZU N'ABANYABYAHA	27
INGINGO YA GATANDATU: GUSENGA	29
6.2 UMWIHARIKO	30
6.2.1 UMWIHARIKO WA KILIZIYA GATOLIKA	30
6.2.2 UMWIHARIKO W'ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI 33	
6.3 IYOBOKAMANA RYA KIYISILAMU	35
UMWAKA WA MBERE	23
INGINGO YA MBERE: QUR'AN	35
INGINGO YA KABIRI: TAWHIID	36
INGINGO YA GATATU: AMATEKA Y'UBUYISILAMU	37
INGINGO YA KANE: FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA):	38
INGINGO YA GATANU: INSHINGANO Y'URUKUNDO KU BIREMWA BYOSE	39
UMWAKA WA KABIRI	40
INGINGO YA MBERE: QUR'AN	41

INGINGO YA KABIRI: TAWHIID.....	42
INGINGO YA GATATU: FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA).....	43
INGINGO YA KANE: AMATEKA YA ISLAMU.....	44
INGINGO YA GATANU: IMICO MYIZA ISHIMISHA IMANA	45
UMWAKA WA GATATU.....	46
INGINGO YA MBERE QUR'AN	47
INGINGO YA KABIRI: TAWHIID: INKINGI Z'UKWEMERA.....	48
INGINGO YA GATATU: IBIKORWA NGARAGIRAMANA.....	50
INGINGO YA KANE: AMATEKA Y'UBUYISILAMU.....	51
INGINGO YA GATANU: UMUCO MWIZA.....	52
7. INDANGABITABO	53
8. UMUGEREKA	56
8.1 INGENGABIHE Y'AMASAHA YIGISHWA MU CYUMWERU	56
8.2 ISHUSHO Y'UMUNYESHURI URANGIJE AMASHURI ABANZA.....	58

INTANGIRIRO

Iyi nteganyanyigisho y'Iyobokamana yakozwe hashingiwe ku murimo wokuvugurura iyari isanzwe ikoreshwa n'amadini anyuranye mu mashuri abanza, kugira ngo ihuzwe n'ibihe by'iterambere igihugu kigezemo. Integanyanyigisho yakoreshwaga yateguwe mumwaka w'i1997, bivuze ko byari ngombwa ko ivugururwa ngo ihuzwe n'ubuzima igihugu kigezemo. Iyari isanzwe yagenaga intego n'icyigwa ariko ntiyateganyaga ibikorwa mbonezamasomo ya buri cyigwa. Iyi nteganyanyigisho ivuguruye iragaragaza intego za buri cyigwa, icyigwa ndetse n'imbonezamasomo igena ibikorwa by'umwigisha n'uwiga.

Iyi nteganyanyigisho igenewe icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, igamije kubaka umwana ufite umutima, ubupfura, n'urukundo rushimangirwa n'imyemerere ndetse n'imyizerere n'indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Izaha umunyeshuri inyigisho z'ibanze zerekeye iyobokamana kugira ngo abashe kugira imibereho myiza kuri iyi si ndetse anitegurirekuzabona ubugingobw'iteka.

Iyi nteganyanyigisho y'iyobokamana igizwe n'imyizerere ya Gikirisitu ndetse n'iya Kiyisilamu. Haba integanyanyigisho igendeye ku myizerere ya Kiyisilamu cyangwa iya Gikirisitu zose zifite ibice bitatu by'ingenzi.

Igice y'ibumoso mu mbonerahanwe y'integanyanyigisho gikubiyemo intego za buri cyigwa.

Igice cyo hagati gikubiyemo ingingo z'ibygwa uko zateganyijwe kwigishwa hakurikijwe icyiciro umwana agezemo

Igice cy'iburyo gikubiyemo imbozezamasomo za buri cyigwa zigena imigendekere y'igikorwa cy'imyigire n'imyigishirize.

Ubumenyi n'uburere byo muri iki cyiciro cy'ibanze bizuzuzwa n'ibizatangwa mu byicirobyisumbuye mu buryo bwimbitse mubyerekeye imyemerere n'iyobokamana.

1. IMBONEZANYIGISHO RUSANGE

Integanyanyisho y'Iyobokamana mu mashuri abanza igamije guha umunyeshuri uburere buboneye bugamije imyemerere n'imyifatirey'ibanze ikwiye Umunyarwanda ubana n'abandi mu mahoro kandi wacengewe n'Ijambo ry'Imana.

Isomo ry'Iyobokamana rizacengeza mu mwana w'Umunyarwanda amatwara y'ubutabera, umutimanama nyawo, indangagaciro mbonezamubanondetse izanamwumvisha umwanyan'agaciro bye mu rugaga rw'ibiremwa by' Imana.

Iyi nteganyanyigisho y'iyobokamana mu mashuri abanza mu cyiciro cya mbere izuzuzwa n'integanyanyigisho zindi zifite aho zihuriye no kwigisha indangagaciro n'imyifatire iboneye mu muryango nyarwanda. Muri zo twavuga mo nk'iy'ubumenyi mbonezamubano.

Nk'uko byavuzwe haruguru, iyi nteganyanyigisho yateguwe hakurikijwe imyizerere ya Gikirisito n'ya Kiyisilamu.

Imyemerere ya Gikirisito igizwe ahanini n'ingingo ziboneka muri Bibiliya. Byongeye kandi, ingingo zihariye kuri buri myemerere ya Gikirisito nazo zashyizwe muri iyi nteganyanyigisho ku ntangiriro. Naho imyemerere ya Kiyisilamu yo igaragaza amahame y'ingenzi n'imigenzereze bya Kiyisilamu bigaragazwa ku buryo bw'umwihariko.

Ni yo mpamvu, muri iyi nteganyanyigisho, hari ibyo abemera Kristo bese bahuriyeho, ibyo bese bazabyiga. Hari umwihariko ku bemera ba Kiliziya Gatorika, n'umwihariko ku bemera b'Abadiventsite b'umunsi wa Karindwi. Uwo mwihariko uzajya wigishwa ku buryo bw'umwihariko kandi wiyongere ku biteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho ku mashuri yegamiye kuri Kiliziya Gatorika n'ayegamiye ku idini ry'Abadiventsite b'Umunsi wa Karindwi.

2. NTEGO RUSANGE

Integanyanyigisho y'Iyobokamana mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza izatuma uyirangije ashobora:

1. Kumenya no gusobanura agaciro ke, ak'abandi n'ak'ibindi biremwa.
2. Gusobanura umugambi w'agakiza Imana ifitiye umuntu n'uburyo yamugaragarije urukundo rwayo:
 - Mu irema
 - Mu ijamba ry' Imana
 - Muri Yezu Kirisito (ku bakirisitu)
 - Mu kohereza Muhammad n'izindi ntumwa (ku bayisilamu).
3. Kugaragaza imibereho ibereye Imana, ababyeyi, abavandimwe n'igihugu Imana yamuhaye.
4. Kuzirikana inshingano Imana yahaye umuntu kuri iyi si, akanashishikarira guharanira icyiza, kwanga no gukumira ikibi.

3.IMBONEZAMASOMO

Mu kwigisha iyi nteganyanyigisho mwarimu azahera ku rugero rusobanutse kandi rworoshye kugira ngo abashe gusobanurira umunyeshuri ibikomeye n'ibitagaragara. Ni ngombwa ko mwarimu yifashisha imfashyigisho mboneshwa jisho, agahera ku bintu biboneka mu buzima bw'umwana kugira ngo bimufashe gusobanura amahame cyangwa inyigisho z'idini.

Umwari mu azifashisha ingero zo mu mibereho y'abantu, zo mu nyandiko ntagatifu (zera) mu migenzereze, maze agaragaze imiterere n'imyifatire abanyeshuri bagomba kugira. Ni ngombwa ko umwarimu yibutsa ibyigwa bya ngombwa kugira ngo abashe gutangira ingingo ikurikiraho.

Mu myigishirije, umwarimu azahera ku bike ajya ku byinshi, aye ku byoroshye ajya ku bikomeye, aye ku bigaragara ajya ku bitaboneka.

Umwari mu asabwe gutegura ingingo zivuga ibihe bikuru bya Kiliziya cyangwa ibya Isilamu kugira ngo byigishwe mu gihe cyabyo n'abanyeshuri babashe kubihimbaza.

4. UKO ISUZUMA BUMENYI RIZAKORWA

Nk'uko zimwe mu intego rusange zibyerekana, ikigenderewe cyane mu iri somo ry'iyobokama si uko umwana ashobora kuvuga mu mutwe ibyo yize; ahubwo ni uko agaragaza imibereho ibereye umwana uzi ijambo ry'Imana. Niyo mpamvu mu isuzuma ry'Iyobokamana, uburyo bubiri bwo gusuzuma burateganijwe:

a) Isuzuma ry' imyitwarire y' umunyeshuri ku giti cye: Aha umwarimu azasuzuma uko ijambo ry'Imana ryagiye rihundura imibereho ye, ndetse rimwe na rimwe agahabwa umwitozo wo kugira icyo avuga ku myitwarire ikunze kuboneka mu bana ariko itaberanye niyo umuntu uzi Imana.

b)Isuzuma ry'imyitwarire y'abanyeshuri n'imirimo bakora mu matsinda: umwarimu azasuzuma uko umunyeshuri yitabira gukorana n'abandi, uko atanga ibitekerezo bye kandi akemera iby'abandi. Ayo masuzuma yose y'imyifatire yiyongera ku isuzuma ry'ibygwa rishobora kuba mu buryo bw'imvugo cyangwa mu nyandiko; mbere, hagati na nyuma y'isomo cyangwa nyuma y'icyiciro cy'inyigisho. Kuri buri ngingo y'inyigisho, ni ngombwa ko umwarimu akoraho isuzuma ku buryo ahisemo kandi byaba ngombwa agaha abana umukoro.

5. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYAGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA

Isomo ry'Iyobokamana rigamije gutanga ubumenyi, imyemerere n'imyifatire iboneye, ni yo mpamvu abanyeshuri bazigishwa n'umwarimu bahuje ukwemera kandi ufite imyitwarire ntangarugero kandi wacengewe n'ijambo ry'Imana. Umwarimu w'iyobokamana agomba kandi kuba ari inyangamugayo, kandi abaho bijyanye n'ukwemera ni ukuvuga akora ibikorwa byiza ayobowe n'ijambo ry'Imana kugira ngo abo yigisha abahe urugero rwiza.

Mu rwego rwo gushyira mu bikora gahunda y'uburezi budaheza mu Rwanda, Isomo ry'iyobokamana umwarimu azita ku bana banana n'ubumuga by'umwihariko abana babana n'ubumuga bwo kutabona cyangwa kutumva. Umwarimu wabihuguriwe ashobora kubafasha.

Abarimu bakeneye amahugurwa ahoraho cyane cyane mu gufasha abana babana n'ubumuga bwo kutumva no kutabona kubona uburezi bufite ireme kimwe n'abandi.

Kugira ngo kandi iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa hazaba ibikorwa by'igenzuranyigishirize mu mashuri.

Mu rwego rw'inyigisho mpuzamatorero ya gikirisito, umwarimu umwe wacengeye iyi nteganyanyigisho azigisha abanyeshuri bose b'abakirisito.

Kugira ngo iri somo rizarusheho kumvikana, ni ngombwa ko rigira umuteguro wihariye n'imfashanyigisho zangombwa arizo: ibitabo nka Bibiliya, Amashusho yerekekana iremwa, amashusho ya Adamu na Eva mbere na nyuma yo gucumura, filime ya Yezu, filime ya Musa n'abayisirayeri bava mu Misiri, amashushu y'abahanuzi bateganijwe kwigwa n'ibindi bintu byose byafasha umwana kumva ko ari kumwe n'Inama.

6. IBIRI MU NTEGANYANYIGISHO

6. 1 IYOBOKAMANA RYA GIKIRISITU:

UMWAKA MBERE

INGINGO YA MBERE: IREMWA: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora gusobanura neza iremwa ry'isi

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora: - Gusobanura impano Imana yamuhaye.	1. IREMWA a) Iriburiro : Impano umuntu yahawe n'Imana: <ul style="list-style-type: none">• ubuzima• umuryango avukamo;• aho atuye	Kujyana abana hanze bakitegereza ibyo Imana yaremye Gukoresha amashusho yerekana ibyo Imana yaremye ku minsi itandukanye, Gukoresha udukino two guhuza

<p>- Kwerekana ibiremwa binyuranye Imana yaremye.</p> <p>- Kuvuga ibyabaye ku munsi wa 7 w'irema.</p>	<p>b) Iremwa ry'isi n'ibiyirimo</p> <p>c) Iremwa ry'Umuntu</p> <p>d) Umunsi wa 7 w'irema</p>	<p>iminsi n'amashusho y'ibyayiremweho.</p> <p>Gukoresha akaririmbo gakubiyemo ibyaremwe ku minsi itandukanye. Abana bakakaririmba kandi bakagafata mu mutwe kuburyo babirondora.</p>
---	--	--

INGINGO YA KABIRI: GUCUMURA K'UMUNTU: AMASAHA 3

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora gusobanura neza inkomoko y'icyaha ndetse n'ingaruka zacyo ku buzima bw'abantu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gutekerereza abandi imibereho ya Adamu na Eva muri Edeni,- Gusobanura uko inzoka yashutse Adamu ya Eva bagacumura n'uko Imana yabahanye	<p>2. GUCUMURA K'UMUNTU</p> <ul style="list-style-type: none">a. Adamu na Eva muri Edenib. Gucumura n'ingaruka z'icyaha	<p>Guteguraagakuru karimo abakosheje bikabagiraho ingaruka.</p> <p>Kwereka abana amashusho yerekana Adamu na Eva mbere na nyuma yo gucumura. Kubabazaho utubazo.</p> <p>Guha abana urubuga rwo kuganira mu matsinda ku ngaruka z'icyaha mu buzima bwa buri muni.</p>

INGINGO YA GATATU: INGERO Z'ABIZEYE AMASAHA 7

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza ingero z'abantu bizeye Imana bakagira umugisha muri Bibiliya

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kwerekana urugero rwiza rwo kwizera (kwemera) kw'abantu b'Imana (Abeli, Enoki na Nowa) n'imibereho yabo.	<p>3. INGERO Z'ABIZEYE:</p> <ul style="list-style-type: none">a. Abelib. Enoki ajoyanwa mu ijuruc. Nowa n'umwuzure.	<p>Kubabwira inkuru ziherekejwe n'amashusho: Abeli atura igitambo gishimishije, Enoki azamuka mu ijuru, Nowa n'inkuge.</p> <p>Gukinisha abana udukino: <u>urugero</u>: Uruziga rushushanije hasi rushobora kuba inkuge.</p>

INGINGO YA KANE: UMUGAMBI W'IMANA WO GUTABARA NO GUKIZA ABANTU: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragariza abandi uko Imana yagaragaje umugambi wayo wo gukiza abantu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kuvuga uko Imana yagiye igaragaza umugambi wayo wo gutabara abantu bayo n'ubwo abantu batahwemaga kuyihemukira	<p>4. UMUGAMBI W'IMANA WO GUTABARA NO GUKIZA ABANTU</p> <ul style="list-style-type: none">a. Isezerano Imana yasezeranyije Aburahamub. Loti n'irimbuka rya Sodom na Gomorac. Izaki na Isimayerid. Yakobo na Ezawu (Esau)e. Yozefu mu Misiri (Egiputa)	<p>Gukoreshaamashusho yerekana bimwe mu bihe byaranze imibereho ya: Aburahamu, Loti, Izaki na Isimayeri, Yakobo na Ezawu, Yozefu mu Misiri.</p> <p>Guha abana urubuga rwo kuganira ku mibereho y'abantu: Aburahamu, Loti, Izaki na Isimayeri, Yakobo na Ezawu, Yozefu mu Misiri.</p>

INGINGO YA GATANU: YEZU KRISTO UMUCUNGUZI W'ABANTU: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora neza badategwa imibereho n'ubuzima bwa Yezu Kristo

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kuvuga iby'ivuka rya Yezu, imibereho ye, urupfu no kuzuka kwe; n'impamvu yohereje Mwuka Muziranenge (Roho Mutagatifu)	<p>5. YEZU KRISTO: UMUCUNGUZI W'ABANTU</p> <ul style="list-style-type: none">a. Ivuka rya Yezu Kristob. Imibereho n'imirimo bya Yezu Kristoc. Urupfu no kuzukad. Umwuka Muziranenge (Roho Mutagatifu)	<p>Kwifashisha amashusho ya Yezu Kristo mu bihe bitandukanye by'ubuzima bwe.</p> <p>Kwitwaza amashusho y'indimi z'umuriro n'inuma bishushanya Umwuka Muziranenge.</p> <p>Kwifashisha ikirugu ku ivuka rya Yezu Kristo.</p> <p>Gukinisha abana ivuka rya Kristu kugira ngo bacengerwe n'ukwicisha bugufi kwa Yezu.</p> <p>Kwerekana abana filme ya Yezu</p>

UMWAKA WA KABIRI

INGINGO YA MBERE: GUCUMURA KWA ADAMU NA EVA N'INGARUKA ZABYO: AMASAHA 3

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora gusobanura neza ingaruka zo gucumura kwa Adamu na Eva ku buzima bwabo ndetse no ku nyokomuntu.

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora: - Gusobanura ingaruka z'igicumuro cy' Adamu cyasigiye bene muntu bose, n'uko impuhwe z'Imana zabigaragarije.	1. GUCUMURA KWA ADAMU NA EVA N'INGARUKA ZABYO	<ul style="list-style-type: none">- Guteguraagakuru karimo abakosheje bikabagiraho ingaruka.- Kwereka abana amashusho yerekana Adamu na Eva mbere na nyuma yo gucumura. Ndetse mwarimu akababazaho ibibazo.- Guha abana urubuga rwo kuganira mu matsinda ku ngaruka z'icyaha mu buzima bwa buri muni.

INGINGO YA KABIRI: KWEMERA/ KWIZERA KWA ABURAHAMU: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza ibikorwa by'umukurambere Aburahamu n'umugisha Imana yamuhaye

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kugaragaza yifashishije ingero z'ibikorwa Aburahamu yakoze ngo agaragarize Imana ko ayizera kandi ayemera.	<p>2. KWEMERA/KWIZERA KWA ABURAHAMU</p> <ul style="list-style-type: none">a) Ihamagarwa rya Aburahamub) Imana isezeranya Aburahamu umwanac) Aburahamu atanga Izaki ho igitambo	<p>Kubwira abana unkuru iherekejwe n'amashusho igaragaza Aburahamu akiri umuturage wo mu mujy wa Kalidayi (chaldea).</p>

INGINGO YA GATATU: IMANA ITABARA ABAYISIRAHILI MU MISIRI: AMASAHA 6

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Gusobanura uko Imana yitoreye umuryango wayo wa Isirayeli kandi ikawukiza ingoyi y'abanyamisiri

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusobanura uko Imana yakomeje isezerano yagiranye n'Aburahamu itabara Abisirayeri ubwo bari mu Misiri.	<p>3. IMANA ITABARA ABISIRAYERI MU MISIRI (EGIPUTA)</p> <ul style="list-style-type: none">a. Uburetwa bw'Abisirayeri mu Misirib. Ivuka rya Musa (Mose)c. Imana ibonekera Musa (Mose)d. Ibyago cumi bya Misirie. Abisirayeri bambuka inyanja itukura	<p>Gukoresha amashusho ya Filime ya Musa cyangwa se andi mashusho (bandes dessinées, dessins animés/ cartoons, agaragaza Musa n'abayisiraheri n'urugendo bajya mu gihugu cy'isezerano)</p>

INGINGO YA KANE: URUKUNDO RW'IMANA: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza uko urukundo Imana yakuza abantu rwujurijwe muri Yezu Krisito

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora: - Kwerekana urukundo Imana Imana yagaragaje igihe itwoherereza Umwana wayo w'ikinege Yezu Krisito.	4. URUKUNDO RW'IMANA a. Jambo yigira umuntu b. Yezu Krisito apfira abanyabyaha c. Yezu Krisito asezeranya Umwuka d. Muziranenge (roho mutagatifu) abigishwa be anabatuma. e. Umuryango w'Abemera (Abizera)	Kwifashisha amashusho ya Yezu Krisito mu bihe bitandukanye by'ubuzima bwe mwarimu agasobanura uko Yezu yagaragazaga ubuhanga, urukundo nk'uwatumwe n'Imana. Gukoresha amashusho y'indimi z'umuriro n'inuma bishushanya Umwuka Muziranenge (Roho mutagatifu). No gusobanura ibyabaye ku munsu wa Penekositi.

INGINGO YA GATANU: URUGERO RWABAYISIRAHILI MU BUTAYU: AMASAHU 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora gusobanura neza urugendo rw'Abayisirayeli bava mu Misiri

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <p>- Kuvuga uko Abisiraheli bavuye mu Misiri (Egiputa) n'uko</p>	<p>5. URUGENDO RW'ABISIRAHILI MU BUTAYU</p> <p>a. Imana iha Abisiraheli amazi na manu mu butayu.</p> <p>b. Amategeko cumi y'Imana</p> <p>c. Abisiraheli biremera ikigirwamana</p>	<p>Gukoresha amashusho ya Filime ya Musa cyangwa se andi mashusho agaragaza Musa n'abayisiraheri mu rugendo bava mu Misiri bajya mu gihugu cy'isezerano.</p> <p>Ahereye ku byanditse bitagatifu, mwarimu agomba gusobanurira abana ko nubwo Imana yakuye abayisiraheri mu</p>

<p>urugendo rwabo rwagenzekugera bageze mu gihugu cy'isezerano (I Kanani)</p>	<p>d. Yosua yinjiza Abisiraheli mu gihugu cy'isezerano</p>	<p>Misiri bakomeje kuyigomera batubahiriza isezerano bagiranye nayo.</p> <p>Agomba guhuza iyi nkuru n'ubuzima bw'iki gihe hari ibyaha byinshi mu isi ariko Imana ikomeza gukunda abantu.</p>
---	--	--

UMWAKA WA GATATU

INGINGO YA MBERE: MUNTU YAREMWE MU ISHUSHO RY'IMANA: AMASAHA 3

Nyuma y'iki cyigwa banyeshuri bazaba bashobora gusobanura neza inshingano umuntu yahawe nyuma y'iremwa

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri uramgije icyi cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusobanura uko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana n'inshingano ze mu mugambi wayo.	<p>1. UMUNTU YAREMWE MU ISHUSHO RY'IMANA</p> <ul style="list-style-type: none">- Inshingano z'umuntu mu mugambi w'Imana	<p>Kwifashisha amashusho y'ibiremwa by'Imana bitandukanye harimo n'umuntu usumbije ibindi biremwa agaciro;</p> <p>Kubaza abanyeshuri ibibazo bituma bavumbura ko umuntu ari ikiremwa gisumbya agaciro ibindi biremwa byose.</p>

INGINGO YA 2: ICYAHA N'INGARUKA ZACYO: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga no gusobanura ingaruka z'icyaha n'uko Imana yohereje Yezu Kristu gucungura abantu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Kuvuga ingaruka y'icyaha n'ukuntu Imana yasezeraniye Muntu umucunguzi.	<p>2. ICYAHA N'INGARUKA ZACYO MU BURYO RUSANGE:</p> <ul style="list-style-type: none">- Icyaha n'ingaruka zacyo ku bantu- Umuntu akeneye umucunguzi	<p>Mwarimu yifshisha agakuru k'abantu bakoze icyaha bikabagiraho ingaruka. Agahauruabuga abana bakavuga uko byagenze nyuma ku mirango yabo. Mu bisobanuro bugufi umwarimu asobanurira abana ko icyaha kigira ingaruka ku bagikoze kuri Kiliziya ndetse no ku bandi. Bityo bagomba kwirinda icyaha. Gusobanura ko Icyaha aricyo cyatumye Imana yohereza umwana wayo ngo acungure isi.</p>

INGINGO YA GATATU: ABACAMANZA, ABAMI N'ABAHANUZI: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga amateka ya bamwe mu bacamanza, abami ndetse n'abahanuzibo muri Bibiliya.

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora: <ul style="list-style-type: none">- Kuvuga amateka ya bamwe mu bacamanza, abami n'abahanuzi b'ubwoko bwa Isirayeri n'inyigisho baduha muri iki gihe.	3. Abacamanza (Debora. Jedewoni, Samusoni.Samweli) Abami (Sawuli. Dawudi. na Salomoni) Abahanuzi : (Eliya-Izayasi Yesaya)	Kwifashisha amashusho avuga ku bahanuzi ngetse no ku bami bazwi cyane muri Bibiliya kubera Ibikorwa bakoze

INGINGO YA KANE: AKABABARO N'IBYISHIMO: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza uko Imana ihora hafi muntu mu buzima bwiza no mu mibabaro yifashishije ingero ziri muri Bibiriya.

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora: - Kwerekanisha ingero zo muri Bibiliya ko umuntu agira igihe cy'umubabaro n'icy'ibyishimo kandi ko muri byose Imana iduhora hafi	4. Umubabaro n'ibyishimo a) Yobu b) Inyigisho za Yezu Kirisito : - Ingingo z'ubuhire (Abanyamahirwe)	Gusomera bana inkuru y'umukiranutsi Yobu kugirango bacengerwe n'ukwizera kwe mu bigeragezo yahuye nabyo. Gukoresha amashusho akurikiye inkuru ya Yobu.

INGINGO YA GATANU: YEZU N'ABANYABYAHA: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Gusonura bakoresheje imigani igaragara muri Bibiliya uburyo Yezu yasobanuye ubuzima bwe nk'umukiza w'abantu asaba abantu kwizera no kwicisha bugufi

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <p>Gusobanura ubuzima bwa Yezu ndetse n'ibihe by'ingenzi byamuranze nk'umukiza w'abantu</p>	<p>5. YEZU N'ABANYABYAHA :</p> <p>a) Impuhwe z'Imana</p> <ul style="list-style-type: none"> • Umwana w'ikirara • Intama n'igiceri byazimiye • Umusamariya w'impuhwe (mwiza) 	<p>Mwarimu yifashisha Ibyanditse bitagatifu maze agasomera abana inkuru y'umwan w'ikirara ukababazaho ibibazo.</p> <p>Mu mugani yose mwarimu agomba gusobanura ko Imana yanga icyaha ariko ikunda umunyabyaha wicuza ndetse ko kugira imigenzo myiza bituma tuba inshuti z'Imana.</p> <p>Mearimu agomba kandi kwifashisha</p>

	<ul style="list-style-type: none">• Umugani wa Lazaro n'umukireb) Urupfu n'izuka bya Yezu Kirisitoc) Yezu Kirisito asubira mu ijuru.	ibyanditswe asobanurira abana ibyerekeye urupfu n'izuka bya yezu kristu.
--	--	--

INGINGO YA GATANDATU: GUSENGA: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora gusonamura akamaro ko gusenga mu mibereho ya muntu no mu mibanire n'abandi

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <ul style="list-style-type: none">- Gusobanura akamaro ko gusenga- Kuvuga isengesho Yezu Kristo yigishije abigishwa be.- Gusenga akoresheje amagambo ye bwite.	<p>6. GUSENGA</p> <ul style="list-style-type: none">a. Akamaro ko gusengab. Isengesho Yezu Kristo yigishijec. Abigishwa be (Data uri mu ijuru)d. Imyitozo yo gusenga	<p>Hifashishijwe ikiganiro, kugaragaza imyifatire y'umuntu usenga n'imyirwarire iboneye mu isengesho ndetse n'akamaro k'isengesho mu buzima bwa muntu</p> <p>Gukoresha abana imyitozo yo gusenga mwaarimu agakurikirana imyitwarire yabo mu isengesho.</p>

6.2 UMWIHARIKO

6.2.1 UMWIHARIKO WA KILIZIYA GATOLIKA

UMWAKA WA MBWERE

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri azarangiza umwaka wa mbere ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora neza ikimenyetso cy'umugarabira no kuvuga mu mutwe amasengesho y'ibanze y'abakirisito. - Kurangwa n'imyitwarire myiza mu isengesho no mu Kiliziya 	<p>AMASENGESHO Y'IBANZE :</p> <ul style="list-style-type: none"> a. Ikimenyetso cy'umugarabira b. Dawe uri mu ijuru c. Ndakuramutsa Mariya d. Hubahwe Imana Data e. Imyifatire mu isengesho no mu nzu y' Imana. 	<p>Ahereye kubyo abanyeshuri basanzwe bazi, umurezi agomba gutoza abana gukora neza ikimenyetso cy'umugarabira no kuvuga neza kandi mu mutwe amasengesho y'ibanze y'umukirisitu.</p> <p>Agomba kandi kubasobanurira mu ncamake impamvu ikimenyetso cy'umugarabira ari ingenzi mu gusenga ndetse no kubatoza kwifata mu isengesho no mu Misa.</p>

UMWAKA WA KABIRI

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri azarangiza umwaka wa kabiri ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga neza isengesho rya Ndemera Imana Data no gusobanura ingingo z'ingenzi zirigize. - Kuvuga akamaro k'isakaramentu rya Batisimu na Penetensiya mu buzima bw'umukirisito. 	<p>1) ISENGESHO RYA “NDEMERA IMANA DATA “N’INGINGO Z’INGENZI ZIRIGIZE.</p> <p>2) AMASAKARAMENTU :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Batisimu - Penetensiya 	<p>Umwarimu azafasha abanyeshuri gufata mu mutwe isengesho ry'indangakwemera, abasobanurire ingingo z'ingenzi zirigize kandi anababwire igihe rikoreshwa mu gitambo cya Misa.</p> <p>Yifashishije amashusho azasobanurira abanyeshuri akamaro k'isakaramentu ray Batisimu ndetse n'irya Penetensiya. Agomba kandi kubatoza guhabwa isakaramentu ry'imbabazi</p>

UMWAKA WA GATATU

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri azarangiza umwaka wa gatatu ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga neza andi masengesho y' Umukirisitu ndetse no kuyakoresha igihe asenga. - Kugaragaza ibice bya Misa no kurangwa n'umugenzo mwiza wo kujya mu Misa - Kuvuga akamaro k'isakaramentu ry'ukarisitiya. No Kuryubaha nk'umubiri wa Kirisitu 	<ol style="list-style-type: none"> 1. AMASENGESHO Y'IKORANIRO 2. IBICE BYA MISA 3. ISAKRAMENTU RY'UKARISIYA 	<p>Umwarimu azafasha abanyeshuri gufata mu mutwe andi masengesho y'ikoraniro no kuyavuga igihe basenga.</p> <p>Mu kwigisha azabasobanurira ko isengesho riruta ayandi ari Igitambo cya Misa abasobanurire ibice bya Misa ndetse abatose no kujya baja mu Misa.</p> <p>Azabafasha kandi gusobamukirwa n'Isakaramentu ry'Ukarisiya.</p> <p>Umubiri wa Yezu Abakirisitu bahabwa mgo babeho no kuryubaha.</p>

6.2.2 UMWIHARIKO W'ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI

UMWAKA WA KABIRI

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri azarangiza umwaka wa kabiri ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibice byari bigize ubuturo bwera n'icyo byashushanyaga. - Gusobanura imirimo yakorwaga mu buturo bwera kuvuga igihe yakorwaga n'icyo byashushanyaga. - Gutanga ubusobanuro bw'urutare. 	<p>1. UBUTURO BWERA</p> <ul style="list-style-type: none"> a. Amabwiriza yo kubaka ubuturo bwera, ibice bigize ubuturo bwera n'icyo bishushanya. b. Imirimo yakorerwaga mu buturo bwera. <p>2. URUTARE RUVAMO AMAZI</p>	<p>Umwarimu ashingiye ku byanditswe byera azashobanurira abanyeshuri ubuturo bwera, amabwiriza yo kubwubaka ndetse n'imirimo yakorerwagamo.</p> <p>Yifashishije ibyanditswe byera no ku byo abana bazi agomba gusobanurira abana uruta ruvamo mazi.</p>

UMWAKA WA GATATU

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri azarangiza umwaka wa gatatu ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga imibereho, imirimo n'akamaro k'abahanuzi n'inyigisho baduha muri iki gihe. - Kuvuga mu magambo make igitekerezo cya Zakayo n'inyigisho ziduha muri iki gihe. 	<ol style="list-style-type: none"> 1. ABAHANUZI (Yeremiya, Da nnyeli) 2. IGITEKEREZO CYA ZAKAYO 	<p>Yifashishije Bibiliya Yera umwarimu azasobanurira abanyeshuri ubuzima, imirimo k'inyigisho z'abahanuzi Yeremiya na Dannyeli muri iki gihe.</p> <p>Azabasobanurira abanyeshuri bavuge imigenzo myiza igomba kubaranga bagikuyemo.</p>

6. 3 IYOBOKAMANA RYA KIYISILAMU

UMWAKA WA MBERE

INGINGO YA MBERE: QUR'AN: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba abshobora kuvuga mu mutwe amasura yoroheje n'icyo amazina yayo asonanura

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora : - Kuvuga mu mutwe amasura atanu yoroheje akabasha no kuvuga icyo amazina yayo asobanura.	1. QUR'AN: GUFATA MU MUTWE AMASURA: <ul style="list-style-type: none">• Al Fatha• An-NaS• Al Faraq• Al Ikhlaas• An-Nasr	<ul style="list-style-type: none">- Gukoresha uburyo busanzwe bukoreshwa mu kwigisha gufata Coran mu mutwe:- Kumvisha abana izo sura (gukoresha Coran iri kuri CD, mwarimu ashobora kuzisoma cyangwa umunyeshuri uzizi)- Gusobanura izina ry'isura (kwerekana icyo riganishaho)- Kubasubirishamo kenshi (bose, mu matsinda, n'umuntu ku giti cye).

INGINGO YA KABIRI: TAWHIID: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba abshobora Gusobanura inshingano z'ibanze Imana yahaye muntu nyuma y'iremwa ry'isi

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <p>Gusobanura kubaho kw'Imana (umuremyi w'ibiriho byose) ahereye kubyo yaremye no kuvuga inshingano y'ibanze Allah yahaye abantu</p>	<p>1. TAWHIID:</p> <ul style="list-style-type: none">• ALLAH• Islam• Ukwemera	<p>Guhera ku mashusho anyuranye agaragaza ibiremwa ndetse n'ibindi bikoreho. Umwarimu akoresha amashusho y'ibiremwa.</p> <p>Kuganira byo amashusho yerekana hakarebwa: akamaro, icyo bikoze, aho biba.</p> <p>Umuremyi w'ibiriho byose agomba kubahwa no kwizerwa.</p>

INGINGO YA GATATU: AMATEKA Y'UBUYISILAMU: AMASAHA 6

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Amateka ya muntu guhera mu iremwa ndetse n'urukundo rw'Imana nyuma yo gucumura

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <p>Gusobanura mu magambo ye (yoroheje) iremwa ry'umuntu, ugutoneshwa n'umuremyi, ugucumura kwa Adam na Hawa n'uko Imana yagumye kuyobora bene Adam kugeza n'ubu.</p>	<p>2. AMATEKA Y'UBUYISILAMU</p> <ul style="list-style-type: none">- Isi mbere y'uko umuntu aremwa- Iremwa ry'umuntu- Gucumura kwa Adam na Hawa- Imana isezeranya bene Adam ubutumwa.- Zimwe mu ntumwa zatumwe kuri bene Adam n'ibitabo zahawe.	<p>Mwarimu yifashisha amashisho y'ibiremwa n'ibindi byakozwe nabantu maze abana bakabitandukanya.</p> <p>Mwarimu asobanura uko Adamu na Eva bacumuye maze abana bakavumbura ko kugaragira umuremyi ari inshingano za Muntu. Abaha kandi n'ibisobanuro bigufiby'ijambo Isl amno kubafatisha mu utwe inking z'ubuyisilamu</p>

INGINGO YA KANE: FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA): AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Ibikorwa shingiro b'umusilamu nyawe

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibikorwa kugira ngo umuntu abe umuyisilamu no gusobanura amagambo akoresha mu guhamya ukwemera (shahada) - Kuvuga akamaro k'isuku mu kwemera kwa kiyisilamu. 	<p>3. FIQ'HI: (IBIKORWA NGARAGIRAMANA)</p> <ul style="list-style-type: none"> • Guhamya ukwemera (shahada) • Gusali : • Isuku mu gihe cyo gusali (y'umubiri,y'imyambaro n'iy'ahantu) 	<p>Iri somo ritangwa nk'amateka, umwarimu aryigisha abwira abana inkuru iganisha ku cyigwa agomba kuba yayiteguye mbere ahereye ku nkuru iri muri Coran akayikora ku buryo ijyana n'ikigero cy'abana</p> <p>Kwifashisha amashusho ashobora kumufasha kumvikanisha neza isomo, hashobora no kuboneka video byarushaho gushimisha abana.</p>

INGINGO YA GATANU: INSHINGANO Y'URUKUNDO KU BIREMWA BYOSE: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Kuvuga no gusobanura ibiranga imyitwarire n'imigenzereze myiza

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora:</p> <p>- Kuvuga no gusobanura bimwe mu bigaragaza imigenzereze myiza n'imibanire ikwiye</p>	<p>5. INSHINGANO Y'URUKUNDO KU BIREMWA BYOSE</p> <p>a. Gukunda ababyeyi, abavandimwe, bagenzi bacu, abaturanyi...)</p> <p>b. Indamutso</p> <p>c. Ubusabe bwo gusabira ababyeyi, n'ubundi busabe (ugiye kurya, ugiye kuryama, muri WC...)</p>	<p>Iri somo rikorwa abanyeshuri bashyira mu bikorwa ibyo bize:</p> <p>Bikorwa mu buryo bw'udukino abana bakora ibyo bikorwa</p> <p>Gukoresha amashusho bakabona ko mbere yo gusali ugomba kwita ku isuku.</p> <p>Gukoresha udukino, amashusho, n'ibiganira</p> <p>Gukoresha uburyo bwo kwigisha ubusabe (duwat) bafata mu mutwe.</p>

UMWAKA WA KABIRI

INGINGO YA MBERE: QUR'AN: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga amasura atanu yoroheje mu mutwe no kuyasobanura mu ncamake

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <p>- Kuvuga amasura atanu yoroheje mu mutwe akabasha no kuvuga icyo ayo masura aganishaho mu ncamacye</p>	<p>1. QUR'AN (GUFATA MU MUTWE)</p> <ul style="list-style-type: none">• Al Masad• Al Kawuthar• Al Ma'un• Al Quraysh• Al Kafiruuna	<ul style="list-style-type: none">- Gukoresha uburyo busanzwe bukoreshwa mu kwigisha gufata Coran mu mutwe:- Kumvisha abana izo sura (gukoresha Coran iri kuri CD, mwarimu ashobora kuzisoma cyangwa umunyeshuri uzizi)- Gusobanura mu ncamake icyo iyo sura iganishaho- Kubasubirishamo kenshi (bose, mu matsinda, n'umuntu ku giti cye)

INGINGO YA KABIRI: TAWHIID: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza ububasha bw'Imana n'inkingi z'ukwemera z'inkingi y'idini ya Islamu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora azaba ashobora:</p> <p>Gusobanura mu mvugo ze ukubaho kw'Imana imwe rukumbi n'ububasha bwayo ku biremwa byayo no kuvuga inkingi z'ukwemera</p>	<p>2. TAWHIID</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Imana ni imwe kandi niyo yaremye byose ● Inshingano Imana yahaye umuntu (Al ibadat) ● Inkingi z'ukwemera 	<p>Guhera ku ngero zo mu buzima busanzwe ndetse n'amashusho (urugero: ishusho y'umuryango yafasha kugaragariza umwana ko umurinzi z'urugo rwabo ari umugabo bityo ko umuremwi n'umurinzi w'ibiriho byose ari Allah).</p> <p>Amashusho y'abantu bari muri Ibadat zitandukanye: gusali, ubukwe, gushyingura...</p> <p>Kwifashisha imirongo ya Corani ntagatifu (ibisobanuro bya surat al ikhlasw) gufasha abana gufata mu mutwe inkingi 6 z'ukwemera . Bashobora no gukina udukino (urugero nko guhuza ibihe by'iswala n'ibice biyigize)</p>

INGINGO YA GATATU:

FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA): AMASAHA 6

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kwerekana imigenzo yose ibanziriza Gusali no kuyikora neza

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa azaba ashobora :</p> <p>Kwerekana uko isuku ibanziriza gusali ikorwa, uko basali n'amategeko y'ibanze ajyanye no gusali</p>	<p>3. FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA):</p> <ul style="list-style-type: none">• Gusali<ul style="list-style-type: none">▪ Isuku ibanziriza gusali▪ Umugambi wo gusali▪ Amasengesho n'ibihe byayo▪ Uburyo bwo gusali	<p>Iri somo ritangwa abana bakora ibikorwa. Mwarimu yaritangira yereka abana amashusho, kandi ikajya anabasobanurira</p> <p>Bashobora no gukina udukino (urugero nko guhuza ibihe by'iswala n'ibice biyigize)</p>

INGINGO YA KANE: AMATEKA YA ISLAMU: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Kuvuga bakurikiranya ibihe by'ingenzi mu mibereho ya Ibrahimu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa azaba ashobora :</p> <p>- Kuvuga akurikiranya ibihe by'ingenzi mu mibereho ya Ibrahimu agaragaza uko yari akomeye ku kwemera</p>	<p>4. AMATEKA YA ISILAMU</p> <ul style="list-style-type: none">• Ivuka rya Ibrahimu (ababyeyi be n'ukwemera kw'icyo gihe)• Ibrahimu ageragezwa• Ibrahimu atanga Isma'il ho igitambo• Ibrahimu yubaka ingoro y'Imana I Makka	<p>Iri somo ritangwa nk'amateka, umwarimu aryigisha abwira abana inkuru iganisha ku cyigwa agomba kuba yayiteguye mbere ahereye ku nkuru iri muri Coran akayikora ku buryo iyyana n'ikigero cy'abana.</p> <p>Kwifashisha amashusho ashobora kumufasha kumvikanisha neza isomo, hashobora no kuboneka video byarushaho gushimisha abana.</p>

INGINGO YA GATANU: IMICO MYIZA ISHIMISHA IMANA: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga no kugaragaza imyitwarire ishimisha Imana

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <p>- Kuvuga no kugaragaza mu buzima bwa buri muni imigenzereze n'imico myiza ku Mana no kubindi biremwa</p>	<p>3. IMICO MYIZA ISHIMISHA IMANA</p> <ul style="list-style-type: none">• Gushimira Imana buri gihe ((Alhamdulillah)• Kwicuza kenshi (Asta ghafirullah) no gusaba imbabazi• Kwirinda ibyaha	<p>Iri somo ritangwa mu buryo bw'ikiganiro aho abana bagaragaza imico myiza n'imibi kandi bakajya banavuga umugambi bafashe.</p> <p>Mwarimu ashobora kuritangiza akaganiro ko mu buzima bwa buri muni. Hashobora no kwifashishwa amashusho, inkuru n'udutekerezo tugufi cyangwa amavideo aho bishoboka.</p>

UMWAKA WA GATATU

INGINGO YA MBERE QUR'AN: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga mu mutwe inyuguti z'icyarabu n'amasura atanu mu mutwe ndetse no kuyasobamurira mu ncamake

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije ibi byigwa ashobora :</p> <p>- Kuvuga mu mutwe: inyuguti z'icyarabu n'amasura atanu yo muri coran akabasha no kuvuga igisobanuro cyayo mu ncamake.</p>	<p style="text-align: center;">1. QUR'AN</p> <p>a) Gufata mu mutwe no gusobanura :</p> <ul style="list-style-type: none"> • Al-Fyl • Al Humazat • Al Takhadhur • Al'Ar • Al Qariat • Al Adiyat <p>b) Urutonde rw'inyuguti z'icyarabu</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo busanzwe bukoreshwa mu kwigisha gufata Coran mu mutwe: - Kumvisha abana izo sura (gukoresha Coran iri kuri CD, mwarimu ashobora kuzisoma cyangwa umunyeshuri uzizi) - Gusobanura iyo sura mu busobanuro bw'ururimi gusa - Kubasubirishamo kenshi (bese, mu matsinda, n'umuntu ku giti cye) - Inyuguti z'icyarabu babanza kuzifata mu mutwe zose nyuma bakagenda biga kuzisoma mu matsinda y'eshatu eshatu

INGINGO YA KABIRI: TAWHIID: INKINGI Z'UKWEMERA: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuvuga no gusobanura neza ingingi z'ukwemera kwa Kiyisilamu

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <p>Kuvuga no gusobanura mu ncamake inkingi z'ubusilamu na zimwe mu nkingi z'ukwemera kwa Kiyisilamu.</p>	<p>3. TAWHIID: (ZIMWE MU NKINGI Z'UKWEMERA)</p> <ul style="list-style-type: none">• Amazina y'Imana aranga ubushobozi bwayo• Abamarayika• Intumwa z'Imana• Ibitabo byahishuwe• Inkingi z'ubusilamu	<p>Kumvisha abana amajwi y' amazina agaragaza ibisingizo by'imanam bakayaganiraho bagasobanura amwe muriyo kandi abana bagatozwa kuyafata mu mutwe.</p> <p>Gukoresha agakino bagaragaza uko ubutumwa bugera kuwo bugenewe n'aho bunyura hose</p> <p>Ubundi abana bakabona mu buryo bworoshye ko Imana yatumye</p>

		abamarayika ku bantu bitwa abahanuzi n'intumwa bakabaha ibitabo by'Imana byo kuyobora abantu (abana berekwa na mwarimu ko utemera atyo aba Atari umuyisilamu) kandi bagasobanurirwa inking z'ubusilamu
--	--	--

INGINGO YA GATATU: IBIKORWA NGARAGIRAMANA: AMASAHA 4

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora Kuguga neza ibice bigize isengesho rya Kiyisilamu ndetse no kubikora neza

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <p>- Gukora neza isengesho no gusobanura ibikorwa kuri buri gice. Kuvuga amasengesho y'igiterane</p>	<p>3. FIQ'HI (IBIKORWA NGARAGIRAMANA</p> <ul style="list-style-type: none">• Uburyo bwo gusali• Amasengesho y'igiterane (Jumu'ah, Aid il fitr, Aid Al adh'ha)	<p>Iri somo ritangwa abana bakora ibikorwa. Mwarimu aritangira yereka abana amashusho, kandi akajya anabasobanurira, hazamo n'umwanya wo gufata mu mutwe.</p> <p>Bashobora no gukina udukino (urugero nko guhuza iswala y'igiterane n'umunsi mukuru)</p>

INGINGO YA KANE: AMATEKA Y'UBUYISILAMU: AMASAHA 5

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kuva ibihe by'ingenzi byaranze amateka y'idini ya Islamu ku isi

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Umunyeshuri urangije iki cyigwa ashobora :</p> <p>Kuvuga mu ncamake imibereho y'intumwa : Musa, Isa na Muhamadi n'ubutumwa bazanye</p>	<p>1. AMATEKA Y'UBUSILAMU</p> <p>Imibereho n'ubutumwa bw'intumwa:</p> <ul style="list-style-type: none">- Musa- Isa- Muhamadi	<p>Iri somo ritangwa nk'amateka, umwarimu aryigisha abwira abana inkuru iganisha ku cyigwa agomba kuba yayiteguye mbere ahereye ku nkuru iri muri Coran akayikora ku buryo iyyana n'ikigero cy'abana</p> <p>Kwifashisha amashusho ashobora kumufasha kumvikanisha neza isomo, hashobora no kuboneka video byarushaho gushimisha abana.</p>

INGINGO YA GATANU: UMUCO MWIZA: AMASAHA 6

Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba bashobora kugaragaza imyitwarire ikwiye umunyeshuri wumvira abamurera

INTEGO ZIHARIYE	ICYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p>Nyuma y'iki cyigwa abanyeshuri bazaba abashobora:</p> <p>Kugaragaza uko umunyeshuri yakwitwara ari mu bantu n'ahantu hatandukanye kugira ngo agaragaze imyitwarire iboneye mu bandi</p>	<p>2. UMUCO MWIZA</p> <p>a) Ukwitwara neza ku bwawe: Ugiye kurya Ugiye kuryama....</p> <p>b) Ukwitwara neza ku bandi:</p> <p>Ababyeyi abavandimwe abaturanyi abakene n'ababaye na bagenzi bacu</p>	<p>Iri somo ritangwa mu buryo bw'ikiganiro aho abana bagaragaza imico myiza n'imibi kandi bakajya banavuga umugambi bafashe.</p> <p>Mwarimu ashobora kuritangiza akaganiro ko mu buzima bwa buri muni. Hashobora no kwifashishwa amashusho, inkuru n'udutekerezo tugufi cyangwa amavideo aho bishoboka.</p> <p>Hazakoreshwa n'uburyo bwo gufata amaduwa mu mutwe.</p>

7. INDANGABITABO

I.LINYANDIKO NTAGATIFU

1. *Bibiliya ntagatifu*, Ed. Verbum Bible, Kinshasa 1990
2. *Bibiliya yera*, ABU 1957
3. *Le Coran-Essai d'interpretation par Denise Masson*, Ed. Gallimard , Paris 1980

II. IYOBOKAMANA RYA GIKIRISITU

1. Binz, Stephen J. (2007). *Introduction to the Bible: A Catholic Guide to Studying Scripture*. Collegeville, MN: The Liturgical Press.
2. BNEP, (1997). *Integanyanyigisho y'Iyobokamana mu mashuri abanza Umwaka wa 1, 2, 3, 4, 5, 6*, Kigali.
3. BNEP, (1988). *Integanyanyigisho y'Iyobokamana mu mashuri abanza*, Kigali.
4. Miller, John W. (2004) *How the Bible Came to Be: Exploring the Narrative and Message*. New York: Paulist Press.
5. Mueller, Steve. (1999). *The Seeker's Guide to Reading the Bible: A Catholic View*. Chicago: Loyola Press.
6. Murdy, Kay. (2004). *What Every Catholic Needs to Know About the Bible: A Parish Guide to Bible Study*. Resource Publications.

7. SNEC, (1986). *Vuga Nyagasani Umwana wawe arumva, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa mbere*. Kabgayi.
8. SNEC, (1987). *Nkura nunguka ubugingo bw'Imana, Igitabo cy'umwarimu Umwaka wa kabiri*. Kabgayi.
9. SNEC, (1988). *Uhoraho nzamwitura iki ibyiza byose yampaye, Igitabo cy' umwarimu, Umwaka wa 3*. Kabgayi.
10. SNEC, (1988). *Imana yakunze isi, Igitabo cy'umwarimu, Umwaka wa 4*. Kabgayi.
11. SNEC, (1989). *Ingoma y'Imana iri hagatiyanyu: Igitabo cy'umwarimu, umwaka Wa 5*. Kabgayi,
12. SNEC, (1980). *Muri ururnuri rw'isi, Igitabo cy'umwarimu, umwaka urangiza amashuri abanza* Kabgayi.
13. Westerhoff, J. (1980). *Bringing up Children in the Christian Faith*. San Francisco, CA: Harper Collins.

III. IYOBOKAMANA RYA LIYISILAMU

1. ALI, S. (1978). *The Spirit of Islam: A History of the Evolution and Ideals of Islam, with a Life of the Prophet*. London: Chatto & Windus.
2. Al-Islam, (1975). *Inzu Ndangamuco ya Islam Kigali*. Rwanda.
3. As-Salat, (1975). *Inzu Ndangamuco ya Islam. Kigali*, Rwanda.
4. Armstrong, K. (2002). *Islam: A Short History*. New York: Modern Library, revised ed.
5. Behechti and Bahonar. (1986). *Philosophie de l'Islam*. Ed. Abb - Ahmad, A] Bostani Paris

6. Bloom, J. and Sheila, B. (2002). *Islam: A Thousand Years of Faith and Power*. New Haven, CT: Yale University Press.
7. Cook, M. (2000). *The Koran: A Very Short Introduction*. Oxford, UK: Oxford University Press.
8. Denny, F. (1994). *An Introduction to Islam*. New York: Macmillan.
9. Nasr, S. (2002). *The Heart of Islam: Enduring Values for Humanity*. San Francisco, CA: Harper San Francisco.

8. UMUGEREKA

8.1 INGENGABIHE Y'AMASAHA YIGISHWA MU CYUMWERU

Subject in Primary 1-3	Number of periods (1 period = 40 minutes)		
	P ₁	P ₂	P ₃
Core subjects (all compulsory and Examinable)			
Kinyarwanda	8	8	8
English	7	7	7
Mathematics	7	7	7

Integanyanyigisho y'Iyobokamana P1-P3

Social studies	4	4	4
Co-curricular activities- compulsory and non examinable			
Sport, religious, Music , fine art, cultural activities, practical work, clubs	4	4	4
TOTAL	30	30	30

Iyi mbonerahamwe iragaragaza amasomo n'amasaha yigishwa mu cyumweru

8.2 ISHUSHO Y'UMUNYESHURI URANGIJE AMASHURI ABANZA

Umunyeshuri urangije amashuri abanza mu Rwanda agomba kuba afite ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukesha by'ibanze byatuma ashobora:

1. Gusobanukirwa n'ibitekerezo bikubiye mu mwandiko asomye cyangwa mu magambo yumvise mu rurimi rw'Ikinyarwanda n'urw'Icyongereza;
2. Kugaragaza ibitekerezo bye avuga cyangwa yandika mu rurimi rw'Ikinyarwanda n'urw'Icyongereza;
3. Kugira inshoza z'ibanze mu mibare, siyansi n'ikoranabuhanga no kuzifashisha mu mibereho ye ya buri munsu;
4. Kugaragaza imyifatire ikwiye mu kubungabunga ibidukikije, mu mibanire ye n'abandi no mu mbamutima ze;
5. Kugaragaza uruhare rwe mu iterambere ry'ubukungu;

6. Kugaragaza imyifatire iboneye iranga indangagaciro mbonezabupfura, mboneragihugu, iz'iyobokamana, iz'iyigaburanga n'ubushobozi mu byerekeye igororangingo na siporo;
7. Kugaragaza imyifatire irinda ubuzima bwe n'ubw'abandi;
8. Kurangwa n'isuku ku mubiri we n'aho ari hose;
9. Guharanira umuco w'ubworoherane, amahoro, ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
10. Gukemura ibibazo byo mu mibereho ya buri muni yifashishije ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya akura mu nyigisho zinyuranye yabonye;
11. Gukurikira inyigisho zo mu cyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye.